**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**Rwamagana, kuwa.15/01/2019**
**N°...152....../07.05.01**

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**NGOMA**

**Impamvu: Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 28/12/2018**

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira mbamenyesha ko imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 28/12/2018 yangezeho kuwa 08/01/2019.

Nshingiye ku ngingo zari ku murongo w'ibyigwa n'imyanzuro mwafashe, ndasaba ko indi myanzuro yatangira gushyirwa mu bikorwa, ariko umwanzuro wa 1(b) uvuga ku iyongera ku mushara w'abakozi, habanza kugaragazwa inkomoko y'ayo mafaranga ugereranije n'ayo Akarere kinjiza muri *own revenues* n'ingaruka byagira ku ngengo y'imari, ndetse niba abakozi bose bari mu myanya kugera ku rwego rw'Akagari, nkuko imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ziteganyijwe.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
**KIGALI**

**Ngoma, kuwa 28/12/2018**

**No Ref.NJY/ 03 /07.05.06**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Eastern Province
For reception
Date 08 JAN 2019
Signature

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa **28 Ukuboza 2018**.

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohererereze ku mugereka w' iyi baruwa Imyanzuro y' inama isanzwe y' Inama Njyanama y 'Akarere ka Ngoma yo kuwa **28 Ukuboza 2018**..

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w' Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

**Bimenyeshejwe**:

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**KIGALI**

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma.

REPUBULIKA Y' U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

INAMA NJYANAMA

**IMYANZURO Y' INAMA ISANZWE Y' INAMA NJYANAMA Y' AKARERE KA NGOMA YO KUWA 28/12/2018**

Ku itariki ya **28/12/2018** saa tatu (9h00) za mugitondo mu cyumba cy' inama cy' Akarere ka Ngoma hateraniye inama isanzwe y' Inama Njyanama y' Akarere iyoboye na Perezida w' Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma **Bwana BANAMWANA Bernard**. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 23/29 bagize Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma .

Abajyanama bagaragaje impamvu zumvikana zo kutitabira inama ni aba bakurikira :

1. Dr. KANOBANA Mathusalem;
2. KAMANZI John;
3. ISINGIZWE Aline;
4. UWINGABIRE Fausca;
5. KAYITESI Faulaata;
6. MUSONERA Euphrem

| SN | Ingingo | Imiterere yayo | Umwanzuro |
|---|---|---|---|
| 1. | Gusuzuma amábaruwa Komite Nyobozi yandikiye Inama Njyanama | **a) Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba guhindura imbago z'umuhanda Kayonza Rusumo no kwemeza imbago z'imihanda y'imigenderano mu gice kiri mu mujyi wa Ngoma.**<br>Muri iyi baruwa umuyobozi w'Akerere yanditse agaragaza ko imbago zisanzweho zituma abantu batabona uburyo bubaka kubera imiterere y'ubutaka buhari kandi hakaba hakenewe ko umujyi wa Ngoma uvugururwa.Mu busanzwe umuhanda wa Kayonza Rusumo kimwe n'iyindi mihanda y'igihugu (National Road) ifite metero 44m ni ukuvuga metero 22m uhereye mu murongo w'umweru ugabanya umuhanda mo kabiri ; ariko itegeko n°55/2011 ryo kuwa 14/12/2011mu ngingo yaryo yambere rigena ko mu gice cy'ahafatwa nk'umujyi ; Inama Njyanama y'Akarere ishobora guhindura izo mbago ku mpamvu bwite z'Akerere | Inama Njyanama imaze gusuzuma iyi barurwa yemeje ko imbago z'umuhanda ziva kuri metero 44 zikagera kuri metero 24 ni ukuvuga metero 12m uhereye mu murongo w'umweru ugabanyije mo umuhanda kabiri. |
| | | a) **Ibaruwa umuyobozi w'Akarere yanditse asaba gusuzuma no kwemeza amabwiriza agenga imyubakire mu Mujyi wa Ngoma.**<br>Inama yasuzumye umushinga ujyanye n'amabwiriza y'imyubakire mu mujyi wa Ngoma wari ukubiyemo ibi bikurikira:<br>i. **Inyubako zo guturamo zitageretse mu bibanza bikora ku muhanda wa Leta (National Road) Kayonza Rusumo,** | Inama Njyanama imaze gusuzuma ibikubiye mu mushinga w'amabwiriza y'imyubakire mu Mujyi wa Ngoma; abari mu nama barayemeje.<br>Inama yemeje ko ku gishushanyo mbonera ahari hagenewe inyubako zikomatanye hahindurwa mo ahagenewe amazu yo gutura |

| | |
|---|---|
| **amazu yubakwa ku buryo bukurikira:**<br>✓ Foundation yubakishije amabuye n'umucanga uvanze na sima<br>✓ Ibindi bikoresho bigaragara kuri devis y'imirimo yo kubaka.<br>✓ Inkuta zubakishwa amatafari ahiye cyangwa boroke sima.<br>✓ Ibindi bikurikiza amabwiriza yarasanzwe.<br><br>ii. **Inyubako zo guturamo zitageretse kandi ibibanza bidakora ku muhanda wa leta (national Road)**<br>✓ Foundation y'ubakishije amabuye n'umucanga uvanze na sima<br>✓ Ibindi bikoresho bigaragara kuri devis y'imirimo yo kubaka.<br>✓ Inkuta zubakishwa amatafari ahiye cyangwa rukarakara cyangwa boroke sima.<br>✓ Ibindi bikurikiza amabwiriza yarasanzwe.<br>iii. **Inzu zo gutura mo z'amagorofa n'izindi nyubako** hazajya hakurikizwa amabwiriza asanzwe.<br>iv. **Inzu z'ubucuruzi** nazo hazakurikizwa amabwiriza asanzwe. | mo. Naho ahagenewe inganda hakaba mu Murenge wa SAKE nk'uko biri muri LED Strategy y'Akarere. |
| **b)Ibaruwa umuyobozi w'Akarere yanditse asabira abakozi b'Akerere kongererwa Umushahara (Top Up).**<br>Mu ibaruwa yanditse, yagaragazaga ko umushara w'inyogera Top Up ubusanzwe wanganaga na 18%. Ariko ugereranyije no mutundi turere usanga Akarere ka Ngoma ariko kagitanga umushara w'inyogera muke,bikaba imwe mu mpamvu ituma kamaze kugenda gatakaza bamwe mu bakozi bako. | Inama Nyanama imaze gusuzuma ubu busabe no kureba aho ubukungu bw'Akarere buhagaze, yemeje ko inyongera ku mushara w'abakozi (Top Up) iva kuri 18% ikagera kuri 30% kandi ku bakozi b'Akarere bose (Sous Contrat na Sous Status); ibi bikazatwara inyongera y'amafaranga angana na Miriyoni cumi n'esheshatu,Ibihumbi |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | | mirongo ine na bine ,na magana cyenda na cumi n'atanu by'amafaranga y'u Rwanda buri kwezi (16,044,915Rwf). Ibi bikazatangirana n'Umwaka w' Ingengo y'Imari 2019-2020. |
| | | c)Ibaruwa umuyobozi w'Akarere yanditse asaba kwambura ubutaka MUKABASINGA Hayida utuye mu murenge wa REMERA ,Akagari ka NDEKWE,Umudugudu wa RUGANDO bugahabwa KAMUZINZI John, nawe utuye mu Murenge wa REMERA .Akagari ka NDEKWE.Umudugudu wa RUGANDO. Uyu MUKABASINGA Hayida yahawe ubwo butaka nyuma yo kwirukanwa muri Tanzaniya nyuma asubirayo ariko yaramaze kubwibaruzaho kandi abufitiye n'icyangombwa cyabwo | InamaNjyanama imaze gusuzuma ubu busabe yemeje ko MUKABASINGA Hayida atakwamburwa ubu butaka kuko mu gihe yamaze kubwibaruzaho bwamaze kuba umutungo we ahubwo KAMUZINZI John yashakirwa ahandi ho gutura |
| 2. | Gusuzuma amabaruwa y'Abantu bandikiye Inama Njyanama | a. Ibaruwa ya **NIKUZE Alphonsine** utuye mu Murenge wa Kibungo mu Kagali ka Mahango yanditse asaba kwandikwaho ubutaka bufite numero 3229 bw'ababyeyi be. Yanditse asobanura ko hari ubutaka bw'ababyeyi be butigeze bubandikwaho.<br>Hashingiwe kuri raporo yakozwe na Komisiyo y'Ubukungu kuri iki kibazo, bigaragara ko ubwo butaka bwari ubw'ababyeyi ba NIKUZE Alphonsine ibyo bikaba byaremezwaga n'abatangabuhamya barimo n'abari bashinzwe kubarura ubutaka mu gihe cyo kwandika ubutaka aho bavugaga ko ubwo butaka babusize nta muntu bwanditseho kubera ko ba nyira bwo batari bahari. Ibyo kandi bikaba bigaragazwa n'ikarita ko ubwo butaka nta muntu bwanditseho. | Inama Njyanama imaze gusuzuma iyi raporo yemeje ko NIKUZE Aplhonsine yabaruza ubwo butaka ndetse akabwandikwaho. |

| | | |
|---|---|---|
| | b. Ibaruwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rukira Bwana BUSHAYIJA Francis yanditse asaba kwemeza ahazajya amarimbi rusange ; agaragaza kandi aho Inama Njyanama y'Umurenge yamaze gusuzuma. | Inama Njyanama imaze gusuzuma ibaruwa yanditswe n' umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Umurenge wa Rukira, yemeje amarimbi rusange mu murenge wa Rukira ku butaka bwa Leta nk'uko bwagaragajwe n'ingano yabwo ari bwo:<br>- Mu Kagari ka KIBATSI mu mudugudu wa Gituku hajya irimbi rusange ku buso bungana na **3ha;**<br>- Mu Kagari ka NYARUVUMU mu mudugudu wa Terimberehajya irimbi rusange ku buso bungana na **3ha**,<br>- Mu Kagari ka BULIBA Umudugudu w'Isanganohajya irimbi rusange ku buso bungana na**1,6ha** |
| | c. Ikibazo cya **HAKIZIMNA Celestin** utuye mu Murenge wa Karembo mu Kagaki k'Akaraba yanditse asaba guhabwa ingurane y'ubutaka bwe ; akabona aho atura kuko aho atuye ari mu manegeka. Ubwo butaka bwatujwemo abaturage batahutse mu mwaka wa 1995; mu rwego rw'umudugudu . Nyuma yo kuganira nawe hamwe n'abaturage bo muri ako Kagali byagaragaye ko HAKIZIMANA Celestin yari afite ikibanza aho hantu; ariko aza gufungwa afunguwe asanga cyaratujwemo IYAMUREMYE Venant. | Inama Njyanama imaze gusesengura iki kibazo yafashe umwanzuro w'uko **HAKIZIMANA Celestin** yazahabwa ingurane y' ubutaka bwe. |
| | d. Ibaruwa ya **MWISENEZA Celestin** yanditse asaba kwibaruzaho ishyamba yita irye ryanditse kuri Leta; riri mu Murenge wa Kibungo mu Kagali ka Mahango.<br>Yasobanuye ko iryo shyamba kuva kera ari irye , ariko ngo akaba abona ryanditse kuri Leta. akaba asaba ko yakwandikwaho iryo shyamba. | Inama Njyanama imaze gusesengura raporo y'itsinda ryagiye gusuzuma iki kibazo yafashe umwanzuro w'uko **MWISENEZA Celestin** atahabwa uburenganzira bwo kwiyandikishaho iryo shyamba kuko umubyeyi we yariteye mu |

| | | |
|---|---|---|
| | Itsinda ry'abajyanama ryagiye gusuzuma icyo kibazo, Mwiseneza Celestin yasobanuye ko iryo shyamba ryatewe na se muri 1965 mu gihe Leta yabakanguriraga gutera amashyamba ku misozi ariko yemeza ko ubwo butaka bwari ubwa Leta. Mubuhamywa bwatangwaga n' abaturage nabo bavugaga ko ubutaka ari ubwa Leta. | butaka bwa Leta.<br><br>Inama Nyanama yafashe umwanzuro ko ubuyobozi bw' Akarere ka Ngoma bwagirana amasezerano na **Mwiseneza Celestin** yo gukomeza gucunga neza iryo shyamba ; agasarura ibiti gusa , ariko ko igihe icyaricyo cyose Leta yahakenera yahasubirana ntamananiza kuko ubutaka ari ubwayo. |
| | e. Ibaruwa Umuyobozi wa **JALI HOLDINGS** yandikiye Inama Njyanama asaba guhabwa Gare ya Ngoma Akayubaka.<br>Inama yafashe umwanzuro wo kubatumira bakagaragaza umushinga afite uko uteye. Mu nama Komisiyo yagiranye nabo; Bagaragaje ko uwo mushinga uzamara imyaka ibiri. Bagaragaza ibizaba bigize inyubako zose za gare ; harimo n'amazu ageretse azakorerwamo uubucuruzi butandukanye. | Inama Njyanama imaze gusuzuma uyu mushinga; bamaze kubona impinduka uzazana mu Mujyi wa Ngoma; bafashe umwanzuro ko **JALI HOLDINGS** yakwemererwa kubaka Gare ya Ngoma ariko agaciro k'ubutaka kakaba umugabane w'Akarere muri uwo mushinga. |

| | | |
|---|---|---|
| f. | Ibaruwa **NTIBAZUKWIGENA Athanase** utuye mu Murenge wa Kibungo mu Kagali ka Mahango yanditse asaba kwibaruzaho ishyamba yita irye ryanditse kuri Leta. Yasobanuye ko iryo shyamba ari irye ariko ngo akaba abona ryanditse kuri Leta akaba asaba ko yaryandikwaho.<br>Itsinda ry'abajyanama riri kumwe n' ubuyobozi bw'Akagali ka Mahango: abari muri Komite ibarura ubutaka n'abandi baturage batuye muri ako Kagali ryahuriye kuri iryo shyamba ; basuzuma imiterere y'icyo kibazo.<br>Uyu NTIBAZUKWIGENA Athanase yasobanuye ko iri shyamba yariguze n'abantu batatu aribo GAFANARI Stephan, MIRINDI Theresphore na MUTESI Marie Georgette. Abari aho basobanuye ko abo bantu uko ari batatu babonye iryo shyamba bose bariteye mu butaka bwa leta. | Inama Njyanama imaze gusesengura ikibazo cya **NTIBAZUKWIGENA Athanase** yafashe umwanzuro w'uko **NTIBAZUKWIGENA Athanase** atahabwa uburenganzira bwo kwiyandikishaho iryo shyamba kuko abaturage yariguze nabo aribo:<br>**-GAFANARI Stephan,**<br>**-MIRINDI Theresphore**<br>**-MUTESI Marie Georgette**. bose bariteye mu butaka bwa leta.<br>Inama Njyanama yafashe umwanzuro ko ubuyobozi bw' Akarere ka Ngoma bwagirana amasezerano na **NTIBAZUKWIGENA Athanase** yo gukomeza gufata neza iryo shyamba ; agasarura ibiti gusa ariko igihe icyaricyo cyose Leta yahakenera yahasubirana ntamananiza kuko ubutaka ari ubwayo. |

| | | |
|---|---|---|
| | g. Ibaruwa ya **MUREKEZI Thierry** yanditse asaba kwibaruzaho ishyamba yita irye riherereye mu Murenge wa Kibungo mu Kagari ka Mahango ryanditse kuri Leta.<br>Itsinda rya Komisiyo y'ubukungu ryagejeje kubari mu nama raporo y'ibyavuye mu busesenguzi bakoze kuri iki kibazo. Muri raporo bagaragaje ko iri shyamba ryatewe na se wa MUREKEZI Thierry mu butaka bwa Leta nk'uko yabyivugiye ndetse n'abandi baturage bari aho. | Inama Njyanama imaze gusesengura raporo y'itsinda ryagiye gusuzuma iki kibazo; yafashe umwanzuro w'uko **MUREKEZI Thierry** atahabwa uburenganzira bwo kwiyandikishaho iryo shyamba kuko umubyeyi we yariteye mu butaka bwa Leta.<br><br>Inama Nyanama yafashe umwanzuro ko ubuyobozi bw' Akarere ka Ngoma bwagirana amasezerano na **MUREKEZI Thierry**yo gukomeza gufata neza iri shyamba; agasarura ibiti gusa ariko igihe icyaricyo cyose Leta yahakenera yahasubirana ntamananiza kuko ubutaka ari ubwayo. |
| | h. **Garden Fresh Ltd** na **Nature Fresh & Healthy Foods** banditse basaba gukodeshwa ikusanyirizo ry'imboga riherereye mu Murenge wa KIBUNGO mu Kagali ka Mahango.<br>Abajyanama bagiye kuhareba basanze inzu basaba irimo ibyangombwa bihagije ariko bikaba biri kwangirika kubera ko bidakoreshwa. | Inama Njyanama imaze kubona ko**GARDEN FRESH** yanditse ivuga ko itagikeneye ikusanyirizo ry'imboga<br><br>Inama Njyanama yemereye **Nature Fresh & Healthy Foods** gukodesha ikusanyirizo ry' imboga riherereye mu Murenge wa kibungo akagali ka Mahango ariko bakagirana amasezerano y' ubukode n' Akarere ka Ngoma . |

| | | |
|---|---|---|
| | i.Ibaruwa ya **Dasso NDABAZI Jean de Dieu** wongeye kwandikira Inama njyanama yibutsa ikibazo cye atarabonera igisubizo. | Inama Njyanama imaze gusuzuma amakosa yagaragaye kuri **NDABAZI Jean de Dieu** ikabihuza n'ibyashingiweho mu kumwirukana burundu nk'uko bigaragazwa n' ibaruwa yo kuwa 21/12/2017, ishingiye ku mabwiriza ya Minisitiri yo kuwa 29/5/2015 agenga imyitwarire n' imyifatire y' abagize urwego rwunganira ubuyobozi bw' akarere mu gucunga umutekano cyane mu ngingo ya 18(g) .Inama Njyanama yemeje ko kwirukanwa kwa DASSO DCII Ndabazi Jeana de Dieu ntakarengane kabayemo, bityo akaba agomba kwandikirwa abimenyeshwa. |
| | J.Ikibazo cya **Dasso NKIRANUYE sylvestre** wo mu karere ka ngoma umurenge wa Jarama yandikiye Inama Njyanama ajuririra icyemezo cy'Umuyobozi w'akarere kimuhagarika ku kazi burundu.Nkiranuye avuga ko yarenganye kuko icyo umuyobozi w'akarere yashingiyeho afata icyemezo cyo kumuhagarika burundu kivuguruzanya nicyemezo cy'urwego rw'ubushinjacyaha bwafashe kuwa 25/09/2017 kuko ubushinja cyaha bwasanze ibigize icyaha bituzuye ,bityo ubushinja cyaha busaba ko dosiye yashyingurwa.Ikindi ashingiraho ngo nuko uwo bari bakurikiranyweho icyaha kimwe **UMUHOZA Angelique** we akiri mu kazi.akomeza avuga ko amasezerano yagiranye n'akarere atangira imirimo atubahirijwe kuko yagombaga kumara imyaka itatu none hakaba hashize ibiri gusa | Inama Njyanama imaze gusuzuma amakosa yagaragaye kuri **NKIRANUYE Sylvestre** ikabihuza n'ibyashingiweho mu kukwirukana burundu nk'uko bigaragazwa n' ibaruwa yo kuwa 21/12/2017 igasanga biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri yo kuwa 29/5/2015 agenga imyitwarire n' imyifatire y' abagize urwego rwunganira ubuyobozi bw' akarere mu gucunga umutekano cyane mu ngingo ya 18(d) .Inama Njyanama yemeje ko kwirukanwa kwa DASSO DCIII Nkiranuye Sylvestre |

| | | |
|---|---|---|
| | | ntakarengane kabayemo. |
| | k. Ibaruwa yanditswe n'Umuyobozi wa **Koperative Abakangukiye Kawa** ikorera mu Murenge wa Gashanda, mu izina rya Koperative yanditse asaba gutizwa ubutaka bungana na Ha 2.5 buherereye mu Murenge wa Rurenge bwo kwagurira mo umushiunga w'ubuhinzi bwa kawa kandi hagakorerwamo ubushakashatsi ku bufatanye na RAB. | Inama Njyanama imaze gusesengura umwanzuro w'Inama ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'ubukungu yateranye tariki ya 28/09/2018; hemejwe ko **Koperative Abakangukiye Kawa** itizwa ubutaka bungana na 2.5ha; buherereye mu murenge wa Rurenge bakagirana amasezerano n'Akarere yo kubatiza ariko mugihe akarere kabukeneye kakabusubirana ntamananiza.<br>-Hemejwe kandi ko ibiro bishinzwe ubutaka mu karere bakurikirana Umuturage witwa **GATABAZI** wiyandikishijeho ubutaka buri hafi y'ubu buvugwa haruguru bukagaruzwa mu mutungo wa Leta.<br><br>Nk'uko byagaragaye muri raporo y'itsinda ryagiye gusuzuma iki kibazo; ubwo butaka bwahoze ari ubwa Leta kuva cyera. bwari bwaratijwe uwitwa GASANA Emmanuel n'Inama Njyanama ya Komine KIGARAMA ; nyuma aza kwandikira Akarere asubiza ubwo butaka avuga ko atagishoboye kubukoresha. |
| | L. .Gusuzuma ibaruwa umuyobozi w' Akarere yandikiye Inama Njyanama ayisaba uburenganzira bwo gukoresha inyubako ziri mu | Inama Njyanama yemeje ko Akarere kakoresha izo nyubako hakarebwa ibiro bimwe by' |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | mutungo w' Akarere zari zaratijwe **Open University of Tanzania** | abakozi byakwimukirayo.<br><br>Hemejwe ko harebwa zimwe mu nzego zitari inzego bwite z'Akarere mu karere zikaba zahabwayo ibiro.(NISS,Migration, Police ect….)<br><br>Hemejwe kandi ko mu rwego rw' imitangire myiza ya Servise ishami ryatekerezwa kwimukirayo ryagenda ryose kugira ushaka servise ayibonere hamwe. |
| 3. | **Gusuzuma aho imihigo y'Akarer igeze ishyirwa mu bikorwa** | Inama imaze kugaragarizwa raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo mu mwaka 2018/2019 byagaragaye ko:<br>Imihigo y'ubuhinzi ikiri hasi cyane ariko bigahuzwa nuko imvura yatinze kugwa abahinzi bakaba baratinze guhinga<br>Iyindi mihigo ikiri hasi imwe iraterwa no kuba amafaranga yayo ataraboneka. | Inama Njyanama imaze gusuzuma iyi raporo yemeje ibi bikurikira:<br><br>• kujya hagaragazwa progress yaho umuhigo ugeze hakurikijwe action plan y'icyo gihembwe..<br>• Kugaragarizwa progress ya integrated imihigo n'uburyo bwo kuyesa buteganyijwe.<br>• Kugaragararizwa progress ya Joint Imihigo n'uburyo Akarere gakorana n'abafatanyabikorwa muri iyo mihigo. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 4. | **Kurangiza imanza zabaye itegeko n' abahesha b' inkiko batari abumwuga** | Raporo yagaragajwe n' umunyamategeko w'Akarere ka Ngoma igaragaza ishyirwamubikorwa (execution) y' imanza zaburanywe zikaba itegeko ariko bikaba bikigaragara ko hari imanza zitarangizwa burundu mu rwego rwo gutanga ubutabera | Inama Njyanama yemeje ko Akarere gategura inama ihuriwemo n' abahesha b' inkiko batari ab'umwuga kunzego zose ( akagali,Umurenge,Akarere na MAJ) ; kugirango hafatwe umwanzuro ku bibazo bigaragara mu kurangiza imanza . Inama ikazaba bitarenze kuwa 15/1/2019 |
| 5. | **Kuganira kuri gahunda ya one hundred women** | Gahunda ya one hundred women ni gahunda igamije kuremera abagore mu rwego rwo kwiteza imbere. | Abagize Inama Njyanama y' akarere ka Ngoma biyemeje kugira uruhare muriyi gahunda bakaremera abagore byibuze babari(2).kandi n'abakozi b'Akarere ndetse n'abafatanyabikorwa bakaba basabwa kuyitabira. |
| 6. | Gusuzuma ibaruwa ya Kirenga Providence isaba gusubukura ikiruhuko cy' umwaka 2018-2019 | Gusuzuma ibaruwa y' Umuyobozi w' Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Madamu **KIRENGAProvidence** usaba gusubukura ikiruhuko cy' umwaka wa 2018-2019 yari yari yasabye kigasubikwa kubera akazi | Inama Njyana yemeje ko Madamu KIRENGA Providence yahabwa ikiruhuko cy' umwaka wa 2018-2019 cyari cyasubitswe. Iki kiruhuko akazagitangira tariki ya **10/2/2019** |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 7. | **Kuganira kuri gahunda y' Umujyanama mu baturage** | Gushyira mubikorwa gahunda y' Umujyanama mu baturage | Inama Njyana yemeje ko murwego rwo kwegera abaturage biciye muri gahunda y' Umujyanama mu baturage hategurwa umuganda udasanzwe uzahuza abajyanama b' inama Jyanama kurwego rw' akarere n' abaturage b' Umurenge wa Mutendeli tariki ya 19/1/2019 |

Inama yashoje imirimo yayo sakumi n'ebyiri za nimugoroba; Umuyobozi wayo ashimira abitabiriye inama ibitekerezo byiza batanze`

UMWANDITSI W'INAMA

MUKANKURANGA Beatrice
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
Y'Akarere ka NGOMA

UMUYOBOZI W'INAMA

BANAMWANA Bernard
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere
ka NGOMA

**ABAJYANAMA B'AKARERE KA NGOMA BITABIRIYE INAMA NJYANAMA ISANZWE YA YATERANYE**

**KUWA 28/12/2018**

| AMAZINA | UMURENGE | Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|
| [illegible]UHIRE Marie Providence | SAKE | 0788630377 | [signature] |
| RWIRIRIZA J.M.V | RUKIRA | 0788122524 | [signature] |
| MUKARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467995 | [signature] |
| MUSABWASONI M. G. Sandra | Zaza | 0788541285 | [signature] |
| Mukankuranzi Pélagie | MUGESERA | 0788605220 | [signature] |
| MUKANDANGA Marie | Jarama | 0783341022 | [signature] |
| MUGABARWEZA K. Thierry | Rurenge | 0788430785 | [signature] |
| MBARANGA Eudence Gervais | Murama | 0788871752 | [signature] |
| Muligo Ladislas | Karembo | 0788665711 | [signature] |
| Aphrodis Nambaje | Kibungo | 0788685945 | [signature] |
| SINAYOBYE Innocent | Murama | 078835076[illegible] | [signature] |
| [illegible] William | Rukumberi | 0788690461 | [signature] |
| Rukundo Gilain | Gashanda | 078[illegible]4[illegible]9 | [signature] |
| | | | |

ABAJYANAMA B'AKARERE KA NGOMA BITABIRIYE INAMA NJYANAMA ISANZWE YA YATERANYE

KUWA 28/12/2018

| AMAZINA | UMURENGE | Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|
| BAZATIWAZA Bernard | ZAZA | 0788310705 | |
| MUKANKURANGA Béatrice | Kibungo | 0788457849 | |
| GASANA Jean de Dieu | MURAMA | 0788524525 | |
| HAKIZIMANA AUGUSTIN | KIBUNGO | 0788604376 | |
| Habakurama Oreste | Kibungo | 0788590033 | |
| KABANYANA Candide | Rukumberi | 0783338779 | |
| KIMENYI Martin | KAZO | 0788849461 | |
| KIRENGA Providence | Kazo | 0788562953 | |
| Muligo Ladislas | Karembo | 0789665751 | |
| MUGISHA Narcisse | REMERA | 0783716454 | |
| UWIMANA Florence | KAZO | 0783967085 | |
| | | | |
| | | | |
| | | | |